TERRITOIRE DE RUHENGERI.
CHEFFERIE/BUHOMA6RWANKERI.

MOIS D'OCTOBLE 1959.

# JOURNAL DE ROUTE.

## IGICE CYA KABILI.

1)POLITIQUE:

Abantu Barakomeza kwiyongera;bamwe baturuka Congo no muzindi Chefferies zo mu Rwanda.Kubera uko Kwimuka ku bwabyo si bibi. Ikibi kilimo nuko:Bazana Imanza Zishaje(z'Imyaka 10 kugeza kuli 30) Bamwe Bagasenyera Abaturage,bahamaze igihe kilekire.Kenshi bikaboneka ko INAMA z'Imiryango,alizo zisunika Abo Bantu Bagaruka.

2)UMUHANDA.

Ku byerekeye Imihanda:ni nkuko byavuzwe mu kwezi gushize. Gusa ku Muhanda:Ruhengeri-Gitarama;kubera Abantu bake Bahakora.Twongeyeho Abakozi 8;bakazahembwa na C.A.C. mu Mezi 2.

3)IBYEREKEYE UBUHINGE.

a)KAWA:Nubwo Abatwale b'Imisozi Bakora Uko Bashoboye;kumvisha Abaturage ko Bagomba kugura INGEMWE ZA KAWA zo Gutera.Kugeza ubu Baracyananirana;Bakavuga ko Bakwiliye kuzibonera Ubusa.
Habonetse Abaturage Bageze kuli 10:Baranduye Amakawa Yabo;aliko Babonye Igihano cy'Urukiko,ndetse cy'Umunyururu:kuko Bashatse kwereka Abandi ko nta Akamaro ka Kawa.

b)INGANO:Nkuko Bisanzwe;muliyi Chefferie Bali Bamaze kugira Akamenyero ko Guhinga Ingano z'ICYI(alizo zihingwa:Mars-Avril).Kubera ko mu liyi myaka 2;Zitaguzwe Uko bisanzwe Byabateye Intege Nke.Aho Itegeko ryo kongera kuzihinga livugiwe:ryasanze Barangije Guhinga Ibisambu byose. Kuliyo Mpamvu:Bakazahinga Ingano nyinshi uko Bisanzwe muli Mars-Avril.

4)TRAVAUX PUBLIQUES Ni Nkuko Bisanzwe.

5)SOUS-CHEFFERIES: Nkuko byanditse muli Journal de Route:Igice cya mbere.

1.Umutwale yagiye mu NAMA z'Iyo Misozi;kubyerekeye Umubano w'Abaturage n'Abatwale Babo.No kureba Impagarara mu Bakonde n'Abagererwa.

2.Ku byerekeye UBUKUNGU bwa Intara mu by'Ibitunze Rubanda;kuko muliyi Myaka ya vuba:Abaturage Bafite Umwete muke wo Guhinga;cyanecyane Imyaka Irwanya Inzara(Ibijumba n'Imyumbati).

3.Imyaka Izana IMALI:Ingano na Kawa;cyanecyane kuli Kawa:kuko Benshi Banze kugura Ingemwe zo gutera;ndetse Bamwe bakazirandura.

4.Kurwanya ISULI(Zunguruka)Dukulikije Uburyo bushya:Twabwilijwe na Bwana Agronome wa Territoire.

5.Abatwale b'Imisozi Bamwe(KAREMERA-RUZINDANA na RUVUGAYIMIKORE) Bagiye Berekana INITIATIVES zabo ku byo Batangiye by'AMASHULI YO KUBAZA Kulibyo INAMA ya Intara Ikazabyitegereza muli BUDGET yayo ya 1960.

Gatovu,le 30/10/59.
Umutwale wa Intara:
RWABULINDI.J.N.

Ruhengeri
2467